Ibirimo/Summary/Sommaire page/urup.

A. Amategeko/Laws/Lois

N°58/2011 ryo kuwa 31/12/2011
Itegeko rigenga ibikorwa by'imikino y'amahirwe…………………………………………….3
N°58/2011 of 31/12/2011
Law governing the gaming activities……………………………………………………….3
N°58/2011 du 31/12/2011
Loi régissant les activités de jeux de hasard………………………………………………...3

Nº 01/2012 ryo kuwa 03/02/2012
Itegeko rihindura kandi ryuzuza Itegeko n° 25/2005 ryo kuwa 04/12/2005 rigena imitunganyirize y'isoresha nk'uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu………………...47
Nº 01/2012 of 03/02/2012
Law modifying and complementing Law n° 25/2005 of 04/12/2005 on tax procedures as modified and complemented to date...47
Nº 01/2012 du 03/02/2012
Loi modifiant et complétant la Loi n°25/2005 du 04/12/2005 portant création des procédures fiscales telle que modifiée et complétée á ce jour……………………………………………47

B. Amabwiriza/Rules/Directives

Nº 11/2012 yo kuwa 23/02/2012
Amabwiriza ya Komiseri Mukuru ahindura kandi yuzuza amabwiriza ya Komiseri Mukuru nº 002/2007 yo kuwa 15/06/2007 ashyira mu bikorwa Itegeko nº 25/2005 ryo kuwa 04/12/2005 rigena imitunganyirize y'isoresha……………………………………………………71
Nº 11/2012 of 23/02/2012
Commissioner General rules modifying and complementing the Commissioner General rules n°002/2007 of 15/06/2007 implementing the Law n°25/2005 of 04/12/2005 on tax procedures…………………………………………………………………………71
Nº 11/2012 du 23/02/2012
Directives du Commissaire Général modifiant et complétant les directives du Commissaire Général nº 002/2007 du 15/06/2007 portant mise en application de la loi nº 25/2005 du 04/12/2005 portant création des procédures fiscales…………………………………………71

Nº12/2012 yo kuwa 23/02/2012
Amabwiriza ya Komiseri Mukuru ashyira mu bikorwa Itegeko nº 24/2010 ryo kuwa 28/05/2010 rihindura kandi ryuzuza Itegeko nº 16/2005 ryo kuwa 18/08/2005 rigena imisoro itaziguye ku musaruro..73
Nº 12/2012 of 23/02/2012
Commissioner General rules implementing the Law n°24/2010 of 28/05/2010 modifying and complementing Law nº 16/2005 of 18/08/2005 on direct taxes on income............................73
Nº 12/2012 du 23/02/2012
Directives du Commissaire General portant mise en application de la loi n°24/2010 du 28/05/2010 modifiant et complétant la loi n°16/2005 du 18/08/2005 relative aux impôts directs sur le revenu……………………………………………………………………..73

C. ***Umuryango udaharanira inyungu/Non profit making association/Association sans but lucratif***

N° 027/17 ryo kuwa 22/08/2002
Iteka rya Minisitiri ryemeza ihindurwa ry'izina ry'umuryango "Congrégation des Soeurs Servantes de Marie Immaculée au Rwanda"……………………………………………………75

N° 027/17 du 22/08/2002
Arrêté Ministériel portant approbation des modifications apportées á la dénomination de l'association "Congrégation des Soeurs Servantes de Marie Immaculée au Rwanda"………76

ITEGEKO N°58/2011 RYO KUWA 31/12/2011 RIGENGA IBIKORWA BY'IMIKINO Y'AMAHIRWE

ISHAKIRO

UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE

Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko rigamije

Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo

Ingingo ya 3: Ubwoko bw'imikino y'amahirwe

Ingingo ya 4: Urwego ngenzuramikorere

Ingingo 5: Inshingano z'urwego ngenzuramikorere

UMUTWE WA II: KOMITE NGISHWANAMA Y'IMIKINO Y'AMAHIRWE

Ingingo ya 6: Ishyirwaho rya Komite Ngishwanama y'imikino y'amahirwe

UMUTWE WA III: IMPUSHYA

Ingingo ya 7: Uruhushya rw'imikino y'amahirwe mu rwego rw'Igihugu

Ingingo ya 8: Gusaba guhabwa uruhushya rwo

LAW N°58/2011 OF 31/12/2011 GOVERNING THE GAMING ACTIVITIES

TABLE OF CONTENTS

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

Article One: Purpose of this Law

Article 2: Definitions of terms

Article 3: Categories of gaming

Article 4: Regulatory authority

Article 5: Responsibilities of the regulatory authority

CHAPTER II: CONSULTATIVE GAMING COMMITTEE

Article 6: Establishment of a Consultative Gaming Committee

CHAPTER III: LICENCES

Article 7: National gaming licence

Article 8: Application for national licence and

LOI N°58/2011 DU 31/12/2011 REGISSANT LES ACTIVITES DE JEUX DE HASARD

TABLE DES MATIERES

CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES

Article premier: Objet de la présente loi

Article 2 : Définitions des termes

Article 3: Catégories de jeux de hasard

Article 4 : Autorité de régulation

Article 5: Attributions de l'autorité de régulation

CHAP ITRE II : COMITE CONSUTATIF DES JEUX DE HASARD

Article 6: Création d'un Comité Consultatif des jeux de hasard

CHAPITRE III: LICENCES

Article 7: Licence nationale des jeux de hasard

Article 8: Demande d'une licence nationale et

mu rwego rw'Igihugu no kongeresha igihe	**renewal**	**son renouvellement**
Ingingo ya 9: Gutanga cyangwa kwimana uruhushya rwo mu rwego rw'Igihugu	**Article 9: Grant or refusal to grant a national licence**	**Article 9: Octroi ou refus d'octroi de licence nationale**
Ingingo ya 10: Igihe uruhushya rumara	**Article 10: Validity of the licence**	**Article 10: Validité de la licence**
Ingingo ya 11: Isubirwamo ry'ukutemera gutanga uruhushya rwo mu rwego rw'Igihugu	**Article 11: Review of refusal to grant a national licence**	**Article 11: Révision du refus d'accorder une licence nationale**
Ingingo ya 12: Ihagarikwa cyangwa ivanwaho ry'uruhushya rwo mu rwego rw'Igihugu	**Article 12: Suspension or revocation of a national licence**	**Article 12: Suspension ou révocation d'une licence nationale**
Ingingo ya 13: Ibyiciro by'impushya n'amafaranga yishyurwa	**Article 13: Categories of licences and related fees**	**Article 13: Catégories de licences et frais y relatifs**
Ingingo ya 14 : Ibibazo byerekeye ihiganwa	**Article 14: Competition issues**	**Article 14: Problèmes en rapport avec la compétition**
Ingingo ya 15: Ihererekanya ry'uruhushya	**Article 15: Licence transfers**	**Article 15: Transferts de licence**
Ingingo ya 16: Ibibazo by'iterambere mu byerekeye ubukungu n'imibereho myiza	**Article 16: Economic and social development issues**	**Article 16: Problèmes concernant le développement économique et social**
UMUTWE WA IV: UMUNTU UKORESHWA MU MIRIMO YEREKEYE IMIKINO Y'AMAHIRWE	**CHAPTER IV: PERSON EMPLOYED IN THE GAMING ACTIVITIES**	**CHAPITRE IV: PERSONNE EMPLOYEE DANS DES ACTIVITES DE JEUX DE HASARD**
Ingingo ya 17: Abakozi bo mu bikorwa by'imikino y'amahirwe	**Article 17: Gaming employees**	**Article 17: Employés de jeux de hasard**
UMUTWE WA V: KWIYANDIKISHA N'IBYANDIKWA	**CHAPTER V: REGISTRATION AND RECORDS**	**CHAPITRE V: ENREGISTREMENT ET DONNEES A ENREGISTRER**
Ingingo ya 18: Ibiranga imashini n'ibikoresho by'imikino y'amahirwe	**Article 18: Identification of gaming machines and gambling devices**	**Article 18: Identification de machines et outils de jeux de hasard**

Ingingo ya 19: Kumenyekanisha umutungo wanditse n'ihererekanya ryawo	**Article 19: Declaration of a registered asset and its transfer**	**Article 19: Déclaration de propriété enregistrée et son transfert**
UMUTWE WA VI: AMATEGEKO Y'IMIKINO Y'AMAHIRWE	**CHAPTER VI: REGULATION OF THE GAMING ACTIVITIES**	**CHAPITRE VI: REGLEMENTATION DES JEUX DE HASARD**
Icyiciro cya mbere: Tombola	**Section One: Lottery**	**Section première: Loteries**
Ingingo ya 20: Guha impushya abatangiza tombola ku rwego rw'Igihugu	**Article 20: Licensing the promoters of national lotteries**	**Article 20: Octroi de licence aux promoteurs de loteries nationales**
Ingingo ya 21: Itangwa ry'impushya n'ibyemezo ku bundi bwoko bwa tombola	**Article 21: Issuance of licence and permit for other forms of lotteries**	**Article 21: Octroi de licence et de permis pour d'autres formes de loterie**
Ingingo ya 22: Kwemerera andi moko ya za tombola	**Article 22: Authorizing other types of lotteries**	**Article 22: Autoriser d'autres formes de loteries**
Icyiciro cya 2: KAZINO	**Section 2: CASINO**	**Section 2 : CASINO**
Ingingo ya 23: Uruhushya ruhabwa ukoresha kazino	**Article 23: Licensing operator of casino**	**Article 23: Octroi de licence à l'exploitant de casino**
Ingingo ya 24: Inkomoko n'imikoreshereze y'ibikoresho bya kazino	**Article 24: Origin and use of casino equipments**	**Article 24: Origine et utilisation des équipements de casino**
Icyiciro cya 3: Ahakorerwa n'imashini y'imikino y'amahirwe	**Section 3: Gaming machines facility**	**Section 3: Terminaux pour machines de jeux**
Ingingo ya 25: Uruhushya ruhabwa ukoresha ahakorerwa n'imashini y'imikino y'amahirwe	**Article 25: Licensing the operator of gaming machines facility**	**Article 25: Octroi de licence à l'exploitant de terminaux pour machines de jeux de hasard**
Icyiciro cya 4: Imikino yo gutega	**Section 4: Sports books**	**Section 4: Paris sportifs**
Ingingo ya 26: Uruhushya ruhabwa ukoresha ahakoreshwa imikino yo gutega	**Article 26: Licensing the operator of Sport books**	**Article 26: Octroi de licence à l'exploitant de paris sportifs**

Icyiciro 5: Imikino y'amahirwe yo kuri interineti	**Section 5: Internet gaming**	**Section 5: Jeu d'internet**
Ingingo ya 27: Uruhushya rw'imikino y'amahirwe yo kuri interineti	**Article 27: Internet gaming licence**	**Article 27: Licence de jeux de hasard sur internet**
Icyiciro cya 6: Amabwiriza y'imikino y'amahirwe, inyandiko n'igenzura ry'imbere	**Section 6: Rules of games, records and internal control**	**Section 6: Règles de jeux, données et contrôle interne**
Ingingo ya 28: Amabwiriza y'imikino y'amahirwe	**Article 28: Rules of gaming**	**Article 28: Règles de jeux de hasard**
Ingingo ya 29: Inyandiko na raporo	**Article 29: Records and reports**	**Article 29: Données et rapports**
Ingingo ya 30: Uburyo bw'igenzura ry'imbere	**Article 30: Internal control system**	**Article 30: Système de contrôle interne**
UMUTWE WA VII: IHEZWA N'IBIBUJIJWE	**CHAPTER VII: EXCLUSIONS AND RESTRICTIONS**	**CHAPITRE VII: EXCLUSIONS ET RESTRICTIONS**
Ingingo ya 31: Kurinda abadafite imyaka y'ubukure	**Article 31: Protection of minors**	**Article 31: Protection des mineurs**
Ingingo ya 32: Abantu bahejwe mu byerekeye imikino y'amahirwe	**Article 32: Excluded persons in gaming**	**Article 32: Personnes exclues dans les jeux de hazard**
Ingingo ya 33: Ibibujijwe mu iyamamaza no mu guteza imbere imikino y'amahirwe	**Article 33: Restrictions on advertising and promotion of gaming**	**Article 33: Restrictions sur la publicité et la promotion de jeux de hasard**
UMUTWE WA VIII: IBIGENDERWAHO, IBIBUJIJWE N'AMABWIRIZA Y'AHANTU H'IMIKINO Y'AMAHIRWE	**CHAPTER VIII: STANDARDS, RESTRICTIONS AND RULES FOR GAMING PREMISES**	**CHAPITRE VIII: NORMES, RESTRICTIONS ET REGLES POUR LES SITES DE JEUX DE HASARD**
Ingingo ya 34: Kwitwararika mu gukina imikino y'amahirwe	**Article 34: Responsible gaming programme**	**Article 34: Précaution à prendre dans les jeux de hasard**

Ingingo ya 35: Ibyo ahantu h'imikino y'amahirwe hagomba kuba hujuje

Ingingo ya 36: Umutekano w'ahantu h'imikino y'amahirwe

UMUTWE WA IX: IBIBUJIJWE N'IBIHANO BYO MU RWEGO RW'UBUTEGETSI

Ingingo ya 37: Ibikorwa by'imikino y'amahirwe bitemewe n'itegeko

Ingingo ya 38: Ibihano byo mu rwego rw'ubutegetsi

UMUTWE WA X: INGINGO Z'INZIBACYUHO N'IZISOZA

Ingingo ya 39: Ingingo y'inzibacyuho

Ingingo 40: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa ry'iri tegeko

Ingingo ya 41: Ivanwaho ry'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko

Ingingo ya 42: Igihe itegeko ritangira gukurikizwa

Article 35: Standards for gaming premises

Article 36: Security of the gaming premises

CHAPTER IX: PROHIBITIONS AND ADMINISTRATIVE SANCTIONS

Article 37: Unlawful gaming activities

Article 38: Administrative sanctions

CHAPTER X: TRANSITIONAL AND FINAL PROVISIONS

Article 39: Transitional provision

Article 40: Drafting, consideration and adoption of this Law

Article 41: Repealing provision

Article 42: Commencement

Article 35: Normes pour les sites de jeux de hazard

Article 36: Sécurité des sites de jeux de hasard

CHAPITRE IX: INTERDICTIONS ET SANCTIONS ADMINISTRATIVES

Article 37: Activités de jeux de hasard illégales

Article 38 : Sanctions administratives

CHAPITRE X: DISPOSITIONS TRANSITOIRES ET FINALES

Artcle 39: Disposition transitoire

Article 40 : Initiation, examen et adoption de la présente loi

Article 41: Disposition abrogatoire

Article 42: Entrée en vigueur

ITEGEKO N°58/2011 RYO KUWA 31/12/2011 RIGENGA IBIKORWA BY'IMIKINO Y'AMAHIRWE

Twebwe, KAGAME Paul,
Perezida wa Repubulika;

INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA KANDI DUTEGETSE KO RYANDIKWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U RWANDA

INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:

Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo kuwa 18 Ukwakira 2011;

Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2003, nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 62, iya 66, iya 67, iya 90, iya 92, iya 93, iya 94, iya 108 n'iya 201;

Ishingiye ku Itegeko n° 07/2009 ryo kuwa 27/04/2009 ryerekeye amasosiyete y'ubucuruzi, nk'uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu;

Ishingiye ku Itegeko n° 12/2009 ryo kuwa 26/05/2009 ryerekeye izahura ry'ubucuruzi n'irangiza ry'ibibazo biturutse ku gihombo;

LAW N°58/2011 OF 31/12/2011 GOVERNING THE GAMING ACTIVITIES

We, KAGAME Paul,
President of the Republic;

THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA

THE PARLIAMENT:

The Chamber of Deputies, in its session of 18 October 2011;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003, as amended to date, especially in Article 62, 66, 67, 90, 92, 93, 94, 108 and 201;

Pursuant to Law n° 07/2009 of 27/04/2009 Law relating to companies as modified and complemented to date ;

Pursuant to Law n° 12/2009 of 26/05/2009 relating to commercial recovery and settling of issues arising from insolvency;

LOI N°58/2011 DU 31/12/2011 REGISSANT LES ACTIVITES DE JEUX DE HASARD

Nous, KAGAME Paul,
Président de la République;

LE PARLEMENT A ADOPTE ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGONS LA LOI DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIEE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA REPUBLIQUE DU RWANDA

LE PARLEMENT:

La Chambre des Députés, en sa séance du 18 octobre 2011;

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003, telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 62, 66, 67, 90, 92, 93, 94, 108 and 201;

Vu la Loi n° 07/2009 du 27/04/2009 relative aux sociétés commerciales telle que modifiée et complétée á ce jour;

Vu la Loi n° 12/2009 du 26/05/2009 relative au redressement des affaires et au règlement des problèmes d'insovabilité;

YEMEJE:

UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE

Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko rigamije

Iri tegeko rigenga ibikorwa by'imikino y'amahirwe. Rishyiraho kandi uburyo bwo kwemera, gukurikirana no kugenzura ibikorwa by'imikino y'amahirwe.

Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo

Muri iri tegeko, amagambo akurikira asobanurwa ku buryo bukurikira:

1° **gahunda za tombola:** gahunda iyo ari yo yose y'imikino y'amahirwe yagenwe n'urwego rubifitiye ububasha;

2° **gukina mu buryo bwitwararitse**: gahunda yashyiriweho gukumira ivuka ry'ibibazo mu mikino no gufasha abantu bagira ibyo bibazo kabone n'ubwo hariho gahunda zo kubikumira;

3° **icyemezo:** icyemezo kidasanzwe gihabwa umuntu udafite uruhushya rwo gutanga serivisi zerekeranye n'imikino y'amahirwe cyo gukoresha za tombola rimwe na rimwe;

4° **igikoresho cya elegitoroniki:** porogaramu

ADOPTS:

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

Article One: Purpose of this Law

This Law governs the gaming activities. It also establishes the licensing procedure, monitoring and regulation of gaming activities.

Article 2: Definitions of terms

In this Law, the following terms shall have the following meanings:

1° **lottery scheme:** any program related to gaming established by the competent organ;

2° **responsible gaming:** a programme that is designated to prevent problems with gaming, and to provide help to those who nevertheless do encounter such problems;

3° **permit:** a special authorisation granted to a promoter not holding a gaming licence to organize other lotteries from time to time;

4° **electronic agent:** a computer program or

ADOPTE:

CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES

Article premier: Objet de la présente loi

La présente loi régit les activités de jeux de hasard. Elle détermine également la procédure d'octroi de licence, de suivi et la réglementation de jeux de hasard.

Article 2: Définitions des termes

Dans la présente loi, les termes ci-après ont les significations suivantes:

1° **programme de loterie:** tout programme en rapport avec les jeux de hasard établi par l'organe compétent ;

2° **jeu responsable:** un programme qui est destiné à prévenir la survenance de problèmes en rapport avec les jeux et à fournir l'assistance aux personnes qui, néanmoins, rencontrent de tels problèmes;

3° **permis:** une autorisation spéciale accordée à un promoteur non détenteur d'une licence de jeux de hasard pour organiser de temps en temps d'autres sortes de loteries;

4° **agent électronique:** un programme

ya mudasobwa cyangwa uburyo elegitoroniki cyangwa ubundi buryo bwikoresha bukoreshejwe by'umwihariko mu gutangiza igikorwa cyangwa mu gusubiza ibyerekaranye n'ibyoherejwe cyangwa ibyagezweho byose hamwe cyangwa igice cy'igikorwa cy'ihererekanya cyikoresha ubwacyo;

5° **igikoresho cy'imikino y'amahirwe:** igikoresho, ikintu cyanditse cyangwa ikindi cyose gikoreshwa, cyangwa mu gihe cyakorwaga cyari kigenewe gukoreshwa mu gikorwa cy'imikino y'amahirwe cyangwa mu kugena umusaruro wacyo;

6° **igiteranyo cy'integano:** uburyo bwo gutega aho integano zose z'ubwoko bwihariye zishyirwa hamwe mu byiciro, imisoro n'inyungu zisigara bikavanwamo hanyuma amahirwe yishyurwa akabarwa hasaranganyijwe ibyiciro mu ntegano zose zashyizwemo. Iyishyura risoza ntirigenwa mbere kugeza ubwo icyiciro gisojwe;

7° **ikimenyetso cy'agaciro:** ikimenyetso gitangwa mu ikinwa ry'imikino y'amahirwe muri kazino kandi cyishyurwa amafaranga bitewe n'agaciro kacyo;

8° **imashini y'imikino y'amahirwe:** ikintu cyose gikoresha ingufu za mekanike, amashanyarazi cyangwa ikindi gikoresho, uburyo cyangwa imashini iyo winjijemo

an electronic or other automated means used independently to initiate an action or respond in whole or in part to data messages or performances of an automated transaction;

5° **gaming device:** equipment, printed matter, or any other thing that is used, or at the time of its manufacture was designed to be used in or in determining the result of a gaming activity;

6° **pari mutuel urbain or totalisator bet:** a betting system in which all bets of a particular type are placed together in pools, taxes and a house take are removed and payoff odds are calculated by sharing pools among all placed bets. The final payout is not détermined until the pool is closed;

7° **chip or token:** a symbol that is issued for playing in gaming activities and that is redeemable for cash according to its value;

8° **gaming machine:** any mechanical, electrical or other device, contrivance or machine which, upon insertion of a coin, token or similar object, or upon payment

d'ordinateur ou tout autre moyen électronique ou automatisé utilisé de façon indépendante pour initier une action ou répondre en totalité ou en partie aux messages ou aux données d'une transaction automatisée;

5° **outil de jeux de hasard:** équipement, matière imprimée ou toute autre chose qui est utilisée, ou qui était prédestinée au moment de sa fabrication à être utilisée aux jeux de hasard ou pour déterminer les résultats d'une activité de jeux de hasard;

6° **pari mutuel urbain ou pari totalisateur:** un système de pari dans lequel tous les paris d'un type particulier sont placés ensemble dans des pools, des impôts et gain net sont déduits et les paiements aux gagnants sont calculés en départageant les pools parmi tous les paris placés. Le paiement final ne peut être déterminé qu'après la fermeture du pool;

7° **jeton ou symbole:** symbole qui est émis pour jouer aux jeux de hasard et qui est payable en argent en fonction de sa valeur;

8° **machine de jeux de hasard:** tout outil mécanique, électrique ou autre, appareil ou machine qui, après insertion d'une pièce de monnaie, jeton ou objet similaire

igiceri, ikindi cyerekana ubwishyu cyangwa ikintu gisa na byo, cyangwa iyo umaze kwishyura icyateganyijwe icyo ari cyo cyose, kiboneka mu gukina cyangwa gukora umukino cyangwa igikorwa, byaba ku mpamvu z'ubugenge bw'ugikoresha mu gukina umukino w'amafaranga werekanwe n'imashini cyangwa hakoreshejwe ikintu cy'amahirwe, cyangwa byombi, bishobora gutanga cyangwa guha uburenganzira umuntu ukina cyangwa ukoresha imashini bwo kubona amafaranga, ibihembo, igicuruzwa**,** ikimenyetso cyangwa ikintu icyo ari cyo cyose cy'agaciro, byaba kwishyurwa bikozwe n'imashini cyangwa ubundi buryo ubwo ari bwo bwose;

9° **imashini ya tombola nsangirantegano:** mudasobwa cyangwa ikindi gikoresho cya elegitoronike cyandika integano kandi kikagabagabanya amafaranga y'integano mu batsinze;

10° **imikino y'amahirwe:** umukino wose ukinwa hakoreshejwe amakarita, utubumbe tw'impande nyinshi, amatike, ibikoresho cyangwa ibintu byose bikoresha ingufu za mekanike, iz'amashanyarazi cyangwa elegitoroniki cyangwa imashini y'amafaranga, umutungo, sheki, igurizwa cyangwa ikarita y'igurizwa cyangwa ikintu cyose gisimbura agaciro;

of any consideration, is available to play or operate, the play or operation of which, whether by reason of the skill of the operator in playing a gaming activity which is presented for play by the machine or application of the element of chance, or both, may deliver or entitle the person playing or operating the machine to receive cash, premiums, merchandise, token or any thing of value, whether the pay-out is made automatically from the machine or in any other manner;

9° **pari-mutuel machine:** computer or any other electronic device that registers bets and divides the total amount bet among those who win;

10° **gaming:** any game played with cards, dices, tickets, equipment or any mechanical, electronic or electromechanical device or machine for money, property, checks, credit or credit card or any representative of value;

ou après paiement de toute contrepartie exigée est prête à jouer ou à fonctionner pour permettre au joueur ou à l'opérateur de jouer ou fonctionner, que ce soit en fonction de ses qualités dans ce jeu qui est présenté pour jouer par la machine ou en fonction de la probabilité de chance, ou en fonction des deux éléments, peut délivrer ou permettre à la personne jouant ou opérant avec la machine de recevoir de l'argent, de la prime, de la marchandise, de jeton ou toute autre chose de valeur, que le paiement soit effectué par la machine de façon automatique ou de toute autre manière;

9° **machine de pari mutuel:** ordinateur ou tout autre outil électronique qui enregistre les paris et distribue le montant total parié parmi les gagnants;

10° **jeux de hasard:** toute forme de jeu joué au moyen de cartes, dés, tickets, équipement ou tout autre outil mécanique, électronique ou électromécanique ou machine pour argent, bien ou patrimoine, chèque, crédit ou carte de crédit ou autre représentation de valeur;

11° **imikino y'amahirwe yo muri kazino, imikino y'amahirwe y'aho abantu barushanwa cyangwa imikino y'amahirwe yo ku meza:** igikorwa cy'imikino y'amahirwe gisaba uruhare rw'umuntu cyangwa rw'abantu mu kugena ibiva muri uwo mukino;

12° **imikino yo gutega:** igikorwa cyo kwemera integano zikorerwa ku bikokorwa bya siporo hakoreshejwe uburyo ubwo ari bwo bwose cyangwa inzira mu byo guhiga cyangwa gutega;

13° **integano:** umubare w'amafaranga cyangwa ikindi kintu cy'agaciro cyategewe ku kintu ariko ikizavamo kitaramenyekana;

14° **integano y'amahirwe adahinduka:** integano ku kintu kimwe cyangwa byinshi aho amahirwe agenwa ku gihe integano yashyizweho;

15° **inyungu ishingiye ku mari:**

a) uburenganzira mu kugabana inyungu cyangwa umusaruro;

b) uburenganzira ku bintu mu byerekeye umutungo w'isosiyete, ishyirahamwe cyangwa umurimo w'ubucuruzi;

c) uburenganzira bujyana n'ibintu cyangwa bw'umuntu ku giti cye ku mutungo ukoreshwa n'isosiyete, ishyirahamwe

11° **casino games, live games or table games:** a gaming activity that requires a person or persons as an integral part of the game process to determine the outcome of that game;

12° **sport books:** the business of accepting wagers on sporting events by any means or method of betting or wagering;

13° **wager:** a sum of money or representative of value that is risked on an occurrence for which the outcome is uncertain;

14° **fixed-odds bet:** a bet on one or more events in which odds are agreed at the time the bet is placed;

15° **financial interest:**

a) right or entitlement to share in profits or revenue;

b) real right in respect of property of a company, corporation or business;

c) real or personal right in property used by a company, corporation or business;

11° **jeux de casinos, jeux semi-automatics ou jeux de table:** activité de jeu de hasard qui requiert une personne ou des personnes comme partie intégrante dans le processus du jeu pour déterminer le résultat dudit jeu;

12° **paris sportifs:** une activité qui consiste à accepter les paris sur les événements sportifs par tout moyen ou méthode de pari;

13° **pari:** une somme d'argent ou un titre de valeur qui est mis(e) en risque en cas d'événement dont le résultat est incertain;

14° **pari à cotes fixes:** un pari sur un ou plusieurs événements dans lesquels les cotes sont fixées au moment de faire le pari;

15° **intérêt financier:**

a) droit au partage des bénéfices ou des revenus;

b) droit réel sur le patrimoine d'une société, d'une association ou d'une activité de commerce;

c) droit réel ou personnel sur le patrimoine utilisé par une société, une association ou une activité de commerce;

cyangwa umurimo w'ubucuruzi;

d) inyungu iziguye cyangwa itaziguye mu migabane itanga uburenganzira bwo gutora, cyangwa uburenganzira bwo gutora bushingiye ku migabane y'isosiyete cyangwa y'indi sosiyete bifitanye isano;

16° **ikazino:** ahantu hakinirwa imikino y'amahirwe inyuranye harimo iyo ku meza, iy'imashini y'ibiceri n'ibindi bikoresho bishobora kongerwamo ndetse n'isaba ubumenyi bwihariye mu irushanwa;

17° **keredi:** uburenganzira bwo gutanga sheki y'ingurane mu rwego rwo koroshya ikinwa ry'imikino y'amahirwe;

18° **Minisiteri:** Minisiteri ifite mu nshingano zayo ibikorwa by'imikino y'amahirwe;

19° **sheki y'ingurane:** inyandiko mvunjwafaranga ikoreshwa muri kazino igaragaza ko umukinnyi afite amafaranga kuri konti agenewe gukina;

20° **tombola mu rwego rw'Igihugu:** gahunda ya tombola ifitwe cyangwa igice cyayo gifitwe na Leta kandi yatejwe imbere hose mu Gihugu nk'uko byemewe n'iri tegeko;

21° **uburyo bwo gucunga imikino y'amahirwe:** uburyo bw'ikoranabuhanga bukoreshwa bwo gukurikirana imikorere

d) direct or indirect interest in the voting shares, or voting rights attached to shares of a company or in a related company;

16° **casino:** any premises used for various gaming including table games, slot machines and other equipements that may be included in and particularly those requiring special knowledge ;

17° **credit:** an authorization to draw a counter cheque to facilitate gaming;

18° **Ministry:** the Ministry in charge of the gaming activities;

19° **counter cheque:** a pre-printed instrument used in casino certifying that the player has a deposit on the account of the operator;

20° **national lottery:** a lottery scheme in whole or in part owned by the Government and promoted countrywide as authorized by this Law;

21° **gaming management system:** computerized systems for monitoring different gaming machines;

d) intérêt direct ou indirect sur les actions qui donnent droit au vote, ou le droit de vote rattaché aux actions dans une société ou dans une entreprise parente;

16° **casino:** tout site utilisé pour jouer différents jeux de hasard notamment les jeux de table, machines à sous et autres matériels pouvant être inclus et particulièrement ceux qui nécessitent une connaissance particulière;

17° **crédit:** une autorisation d'émettre un chèque-guichet afin de faciliter l'exercice des jeux de hasard;

18° **Ministère:** Ministère ayant les activités de jeux de hasard dans ses attributions;

19° **chèque-guichet:** instrument préimprimé signé et utilisé dans un casino qui certifie que le joueur dispose d'un solde sur le compte de l'opérateur;

20° **loterie nationale:** un programme de loterie possédé intégralement ou partiellement par l'Etat et promu au niveau national comme étant autorisé par la présente loi;

21° **système de gestion de jeux de hasard:** systèmes informatiques pour le monitorage des différentes machines de

y'imashini zitandukanye z'imikino y'amahirwe;

22° **ubwishyu:** amafaranga ayo ari yo yose, igicuruzwa, umutungo, sheki, igurizwa, igurizwa ku buryo bwa elegitoronike, ideni, ikimenyetso cy'agaciro, itike cyangwa ikindi kintu cyose kirengeje agaciro kanditse cyakiriwe n'umukinnyi bitewe n'ubuhanga bwe cyangwa se ubw'ukoresha, ikoresha ry'amahirwe, cyangwa byombi;

23° **ugize umuryango:** uwo bashakanye cyangwa umwana, umubyeyi, umuvandimwe bikomoka ku ivuka, ishyingiranwa cyangwa ukubera umubyeyi umwana utabyaye;

24° **ukoresha:** umuntu wanditswe ukoresha ahantu h'imikino y'amahirwe;

25° **umukino wa Bingo:** umukino w'amahirwe ukinwa wose cyangwa igice cyawo ku buryo bwa elegitoroniki, hagamijwe amafaranga cyangwa igihembo icyo ari cyo cyose gifite agaciro kazwi mu mafaranga aho:

a) hakoreshejwe amakarita cyangwa ibindi bikoresho bigabanijwemo imyanya buri wose utanga umubare utandukanye, ishusho cyangwa ikimenyetso kandi bifite imibare, amashusho cyangwa ibimenyetso bitunganyijwe nta kigendeweho ku buryo

22° **pay-out:** any money, merchandise, property, cheque, credit, electronic credit, debit, token, ticket or anything else of more than nominal value received by a player as a result of the skill of the player or operator, the application of the element of chance or both;

23° **family member:** spouse or child, parent, brother or sister, whether such a relationship results from birth, marriage or adoption;

24° **operator:** a registered person who operates gaming premises;

25° **bingo:** a game played in whole or in part by electronic means that is played for a monetary gain or any prize of nominal value in which:

a) by using cards or other devices that are divided into spaces each of which bears a different number, picture or symbol and with numbers, pictures or symbols arranged randomly such that each card or similar device contains a unique set of

jeux de hasard;

22° **paiement:** toute somme d'argent, marchandise, bien, chèque, crédit, crédit électronique, débit, jeton, ticket ou toute autre chose d'une valeur supérieure à la valeur nominale reçue par un joueur que ce soit en vertu de son habileté ou de celui de l'opérateur, de l'application de l'élément de chance ou les deux à la fois;

23° **membre de famille:** un conjoint ou un enfant, un parent, un frère ou une sœur, que se soit une relation résultant de la naissance, du mariage ou de l'adoption;

24° **opérateur:** une personne enregistrée qui exploite des sites de jeux de hasard;

25° **bingo:** un jeu joué en partie ou en totalité par des moyens électroniques pour un gain monétaire ou tout prix de valeur monétaire dans lequel:

a) en utilisant des cartes ou d'autres objets qui sont divisés en espaces portant chacun un numéro différent, une image ou un symbole portant des chiffres, des images ou des symboles arrangés au hasard, chaque carte ou objet similaire contient un

buri karita cyangwa igikoresho bisa gifite urutonde rwihariye rw'imibare, amashusho cyangwa ibimenyetso;

b) ukoresha cyangwa utangaza ahamagara cyangwa akagaragaza urutonde rw'imibare, amashusho cyangwa ibimenyetso nta kingendeweho kandi abakinnyi bagahuza buri mubare, ishusho cyangwa ikimenyetso ku ikarita cyangwa ku gikoresho nk'uko cyitwa cyangwa cyagaragajwe;

c) umukinnyi ubaye uwa mbere mu guhuza imyanya yose ku ikarita cyangwa igikoresho, cyangwa uhuje urutonde ruzwi rw'imibare, amashusho cyangwa ibimenyetso ku ikarita cyangwa igikoresho atsindira igihembo;

d) cyangwa undi mukino uwo ariwo wose bisa mu buryo bugaragara wemezwa ko ari bingo;

26° **umugenzuzi:** umuntu washyizweho n'urwego ngenzuramikorere y'imikino y'amahirwe;

27° **umukino uhuriweho:** umukino ukinwe cyangwa uriho wakinwa binyujijwe mu buryo bw'igikoresho cya elegitoroniki mu ikoranabuhanga rya interneti atari undi mukino wakinirwa gusa ahantu habifitiye uruhushya, kandi iyo gusa uwahawe uruhushya rw'ahantu nk'aho aho ariho hose yemerewe gukora uwo mukino ngo uboneke ukinwe;

numbers, pictures or symbols;

b) an operator or announcer calls or displays a series of numbers, pictures or symbols in random order and players match each such number, picture or symbol on the card or device as it is called or displayed;

c) a player who is first to match all the spaces on the card or device, or who matches a specified set of numbers, pictures or symbols on the card or device, wins a prize;

d) or any other substantially similar game is declared to be bingo;

26° **inspector:** a person appointed by the regulatory authority of gaming;

27° **interactive game:** a game played or if available would be played through the mechanism of an electronic device accessed over the internet other than a game that can be accessed for play only in licenced premises, and only if the licence holder of any such premises is authorised to make such a game available to be played;

groupe unique de numéros, d'images ou de symboles;

b) un opérateur ou annonceur appelle ou montre une série de chiffres, images ou symboles dans l'ordre tiré au hasard et les joueurs doivent faire correspondre tel chiffre, image ou symbole sur la carte ou objet tel qu'est appelé ou présenté;

c) le joueur qui est le premier à faire correspondre tous les espaces sur la carte ou objet, ou qui fait correspondre un groupe spécifié de chiffres, images ou symboles sur la carte ou objet, gagne un prix;

d) ou un autre jeu substantiellement similaire est déclaré être le bingo;

26° **inspecteur:** une personne nommée par l'autorité de régulation des jeux de hasard;

27° **jeu intéractif:** jeu joué ou s'il est disponible peut être joué à travers le mécanisme d'un outil électronique accessible sur internet autre que le jeu pouvant être accessible seulement dans des sites autorisés et seulement si le détenteur d'une licence est autorisé à rendre disponible ce jeu pour etre joué;

28° **umukozi wo mu bikorwa by'imikino y'amahirwe:** umuntu uwo ariwe wese ufitanye isano mu buryo butaziguye n'imirimo y'ibikorwa by'imikino y'amahirwe;

29° **umwana utarageza ku myaka y'ubukure:** umuntu uri munsi y'imyaka cumi n'umunani 18 y'amavuko;

30° **uruhushya rw'imikino y'amahirwe:** icyemezo gitangwa n'ubuyobozi bubifitiye ububasha cyemerera umuntu gukora ibikorwa by'imikino y'amahirwe;

31° **uruhushya ku rwego rw'Igihugu:** uruhushya rwatanzwe hashingiwe kuri iri tegeko kandi rukora hose ku butaka bwa Repubulika y'u Rwanda;

32° **urwego rutanga impushya:** urwego ngenzuramikorere y'imikino y'amahirwe;

33° **utanga imikino y'amahirwe ihuriweho:** umuntu wemerewe gushyiraho cyangwa guteza imbere umukino uhuriweho uvugwa n'iri tegeko;

34° **uwahawe uruhushya:** umuntu uwo ariwe wese wahawe uruhushya rwo gushyiraho imikino y'amahirwe.

28° **gaming employee:** any person having direct relationship with gaming activities;

29° **minor:** a person under the age of eighteen (18) years;

30° **gaming licence:** a certificate issued by a competent organ authorizing a person to engage in gaming activities;

31° **national licence:** a licence issued in accordance with this Law and covering any place of the Rwandan territory;

32° **licensing authority:** the regulatory authority of gaming;

33° **interactive provider:** a person licenced to make available or to promote an interactive game covered by this Law;

34° **licence holder:** any person to whom a valid licence has been issued.

28° **employé de jeux de hasard:** toute personne ayant un lien direct avec des activités de jeux de hasard;

29° **mineur:** une personne qui n'a pas encore atteint l'âge dix huit (18) ans;

30° **licence de jeux de hasard:** certificat octroyé par une autorité compétente autorisant une personne de s'engager dans des activités de jeux de hasard;

31° **licence nationale:** une licence octroyée en vertu de la présente loi et qui couvre tous les lieux du territoire rwandais;

32° **autorité d'octroi de licences:** l'autorité de régulation des jeux de hasard;

33° **fournisseur de jeu intéractif:** une personne autorisée à rendre disponible ou à promouvoir un jeu intéractif couvert par la présente loi;

34° **détenteur de licence:** toute personne en faveur de laquelle une licence a été octroyée.

Ingingo ya 3: Ubwoko bw'imikino y'amahirwe

Imikino y'amahirwe iri mu bwoko bukurikira:

1° tombola;
2° imikino yo muri Kazino;
3° imikino ikoresha imashini z'imikino y'amahirwe;
4° imikino yo gutega;
5° imikino y'amahirwe yo kuri interineti;
6° undi mukino w'amahirwe wakongerwa kuri uru rutonde n'urwego rubishinzwe, bibaye ngombwa.

Ingingo ya 4: Urwego ngenzuramikorere

Minisiteri ifite ubucuruzi mu nshingano zayo ni yo igenzura ibikorwa by'imikino y'amahirwe.

Iteka rya Minisitiri w'Intebe rishobora kugena urundi rwego rugenzura imikino y'amahirwe bibaye ngombwa.

Ingingo 5: Inshingano z'urwego ngenzuramikorere

Inshingano z'urwego ngenzuramikorere ni izi zikurikira:

1° gukurikirana imirimo y'imikino y'amahirwe n'ibikorwa bifitanye isano na yo byose;

Article 3: Categories of gaming

The categories of gaming shall be the following:

1° lottery;
2° casino;
3° gaming machine;
4° sport books;
5° internet gaming;
6° any other kind of game that may be added to this list by the competent organ if deemed necessary.

Article 4: Regulatory authority

The Ministry in charge of commerce shall have overall control of the gaming activities.

A Prime Minister's Order may determine another gaming regulatory authority, if necessary.

Article 5: Responsibilities of the regulatory authority

The responsibilities of the regulatory authority shall be as follows:

1° to oversee the gaming industry and all activities related to it;

Article 3: Catégories de jeux de hasard

Les jeux de hasard sont de catégories suivantes:

1° loterie;
2° casino;
3° machines de jeux de hasard;
4° paris sportifs;
5° jeux de hasard sur internet;
6° tout autre jeu de hasard qui peut être ajouté sur cette liste par l'organe compétent, en cas de nécessité.

Article 4: Autorité de régulation

Le Ministère ayant le commerce dans ses attributions est chargé du contrôle des activités de jeux de hasard.

Un arrêté du Premier Ministre peut déterminer une autre autorité de régulation des jeux de hasard si nécessaire.

Article 5: Attributions de l'autorité de régulation

Les attributions de l'autorité de régulation sont les suivantes:

1° superviser l'industrie des jeux de hazard et toutes les autres activités y relatives;

2° kugena umubare w'impushya zisabwa zishobora gutangwa mu Gihugu hagendewe ku bikenewe;

3° kugenzura no gusuzuma isaba ry'impushya n'ibyemezo by'imikino y'amahirwe;

4° gutanga impushya n'ibyemezo;

5° gukurikirana Komite ngishwanama y'imikino y'amahirwe, gushyiraho abayigize no kuyigenera inshingano, imiterere, imikorere n'ububasha;

6° gukora igenzura ryo kumenya neza iyubahirizwa ry'iri tegeko no kumenyesha inzego zibishinzwe kugira ngo zikurikirane abanyuranya na ryo;

7° kuvugurura impushya n'ibikorwa by'abazihawe;

8° guhagarika cyangwa gukuraho uruhushya rwose rutubahirije iri tegeko cyangwa uwaruhawe akora atubahirije iri tegeko ;

9° kumenya neza ko ibikorwa binyuranyije n'itegeko bifitanye isano na gahunda za tombola, kazino, isiganwa, imikino y'amahirwe yerekeye gutega no gutegera ikintu, n'ibikorwa by'imikino y'amahirwe bidafite impushya byirinzwe cyangwa

2° to determine the number of licences that may be granted in the Country, in accordance with the needs;

3° to investigate and consider applications for gaming licences and permits;

4° to issue licences and permits;

5° to oversee the Consultative Gaming Comittee, to appoint its members to determine its responsibilities, organization, functioning, and competence;

6° to conduct investigations to ensure compliance with this Law and issue notices in case of its violation to competent authorities for the purposes of their prosecution;

7° to review licences and activities of their licence holders;

8° to suspend or revoke any licence that is in violation of this Law or when the licence holder operates in violation of this Law;

9° to ensure that unlawful activities related to lottery schemes, casinos, sport books, wagering and unlicenced gaming activities are prevented or detected and prosecuted;

2° déterminer le nombre de licences qui peuvent être accordées dans le pays, selon les besoins;

3° mener des investigations et examiner les demandes de licences et permis de jeux de hasard;

4° délivrer les licences et permis;

5° superviser le Conseil consultatif des jeux de hasard, nommer ses membres et déterminer ses attributions, son organisation, son fonctionnement et ses compétences;

6° mener des investigations pour s'assurer du respect des dispositions de la présente loi et dénoncer ses violations aux autorités compétentes en vue de poursuites judiciaires;

7° revoir les licences et les activités des détenteurs de lincences;

8° suspendre ou révoquer toute licence qui violerait la présente loi ou dont le détenteur ne respecte pas les dispositions de la présente loi;

9° s'assurer que des activités illégales en rapport avec les programmes de loterie, casino, paris sportifs et les activités de jeux de hasard non autorisées sont prévenues, découvertes et poursuivies en jutice;

byavumbuwe kandi byakurikiranwe;

10° kumenya neza ko inshingano abahawe impushya biyemereye bazuzuza.

UMUTWE WA II: KOMITE NGISHWANAMA Y'IMIKINO Y'AMAHIRWE

Ingingo ya 6: Ishyirwaho rya Komite Ngishwanama y'imikino y'amahirwe

Hashyizweho Komite Ngishwanama y'imikino y'amahirwe ishinzwe kugira inama Guverinoma kuri politiki y'imikino y'amahirwe.

UMUTWE WA III: IMPUSHYA

Ingingo ya 7: Uruhushya rw'imikino y'amahirwe mu rwego rw'Igihugu

Uruhushya rwo gukora imikino y'amahirwe rutanzwe hashingiwe ku bikubiye muri iri tegeko rukoreshwa hose ku butaka bwa Repubulika y'u Rwanda kandi rwemerera uruhawe gukora, kwiyemeza cyangwa gushyiraho ibikorwa aherewe uruhushya ahantu aho ariho hose mu Gihugu.

Umuntu wese uhawe uruhushya rwo mu rwego rw'Igihugu agomba gukurikiza ibiteganywa n'iri tegeko.

Nta muntu wemerewe gukora igikorwa cy'imikino y'amahirwe cyangwa ngo abyiyitirire atabiherewe uruhushya.

10° to ensure that undertakings made by licence holders are carried out.

CHAPTER II: CONSULTATIVE GAMING COMMITTEE

Article 6: Establishment of a Consultative Gaming Committee

A Consultative Gaming Committee responsible for advising the Governement on gaming policy is hereby established.

